REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUTAKA, IBIDUKIKIJE, AMASHYAMBA, AMAZI NA MINE

POLITIKI Y'IGIHUGU Y'AMAZI N'ISUKURA

Ukwakira, 2004

AMAGAMBO AHINNYE Y'IGIFARANSA.

AEP	Alimentation en Eau Potable
AEPA	Alimentation en Eau Potable et Assainissement
AMCOW	African Ministerial Conference on Water
CDC	Comité de Développement Communautaire
EAC	East African Community
ELECTROGAZ	Société de Production et de Distribution d'Electricité, d'Eau et de Gaz
FAO	Food and Agriculture Organisation
Frw	Franc Rwandais
MINAGRI	Ministère de l'Agriculture et de l'Elevage
MINALOC	Ministère de l'Administration Locale, des Affaires Sociales et du Développement Rural
MINECOFIN	Ministère des Finances et de la Planification Economique
MINEDUC	Ministère de l'Education, de la Science, de la Technologie et de la Recherche Scientifique
MININFRA	Ministère des Infrastructures
MINISANTE	Ministère de la Santé
MINITERE	Ministère des Terres, de l'Environnement, des Forêts, de l'Eau et des Ressources Naturelles
NBI	Nile Basin Initiative
NEPAD	New Partnership for Africa's Development
ODM	Objectif de Développement du Millénaire
ONG	Organisation Non Gouvernementale
PNUD	Programme des Nations Unies pour le Développement
PRSP	Poverty Reduction Strategy Paper
SWAP	Sector Wide Approach
UNICEF	United Nations Children's Fund
USD	United States Dollar

IJAMBO RY'IBANZE

Nyuma y'intambara na jenoside yangije igice kinini cy'umutungo w'u Rwanda, abantu bagapfa, abandi bagahunga, ubu rurimo gukora ibishoboka byose kugira ngo rurangize kwisana, hubakwa n'ibindi bikorwa remezo byatuma rutera imbere. Ibi birasaba rero gushyiraho umurongo ngenderwaho wibanda cyane ku guteza imbere inkingi z'ibanze z'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage, hateganywa ibikorwa byatuma igihugu kigera ku majyambere arambye.

Igihugu cyacu gihora kizirikana uruhare rukomeye rw'amazi n'isukura mu guteza imbere imibereho myiza y'abagituye barwo. Gucunga neza umutungo w'amazi ni ingenzi mu bikorwa byo kurwanya ubukene n'iterambere ry'ubukungu bw'igihugu.

Guhera mu mwaka w'1996, hakozwe byinshi kugira ngo politiki y'igihugu yo gufata neza amazi n'ibikorwa by'isukura yandikwe, ijye ahagaragara. Ikaba ifite ingamba na gahunda zo gusana no kkwigisha abakozi bashoboye kandi bahagije, kubaka ibikorwa remezo by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage, no guhamya icyerekezo cy'igihe kirekire kigamije guteza imbere no guhuza ibikorwa byose byo mu rwego rw'amazi n'isukura.

Duhereye ku mushinga wa politiki y'amazi n'isukura wateguwe muw' 1992, ukaza kunonosorwa muw' 1997 no muw' 2001, u Rwanda rumaze gukora politiki nshya yerekana imirongo ngenderwaho yatuma habaho imicungire iboneye y'umutungo w'amazi, yita ku mahame mashya, arimo nko kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, uruhare rw'abaturage mu bikorwa byose, kwegurira ibigo bya Leta abikorera ku giti cyabo, no gushora imari muri za gahunda aho kwibanda ku mishinga nyirizina. Iyo politiki ikaba ijyanye n'intego z'Ikinyagihumbi[1] n'ibikubiye mu Cyerekezo cy' 2020, bivuga ko muri uwo mwaka, abaturarwanda bose bazaba bafite amazi meza n'ibikorwa by'isuku bihagije.

Iyi politiki tuyikesha ubwitange bw'abantu benshi bamenyereye ibyamazi n'isukura, baba abanyamahanga cyangwa abenegihugu. Urubuga rw' ingenzi rwabaye inama yabereye i MURAMBI/Gitarama kuva ku wa 19 kugeza ku wa 23 Gashyantare 2004. Inama yabereye muri Hoteli Intercontinental/Kigali, ku wa 22 Werurwe 2004, niyo yemaje inyandiko ya nyuma y'iyi politiki.

Tuboneyeho umwanya wo gushimira buri wese uruhare yagize kugira ngo iyi politiki ishobore gutegurwa no kwandikwa. Abongabo ni nk' abahagarariye za

[1] Millennium Development Gaols (MDG)

Minisiteri dukorana, Intara n'Uturere, abaterankunga nka Banki y'Isi, Banki Nyafurika Itsura Amajyambere, Imiryango ishamikiye ku Muryango w'Abibumbye nka UNICEF, PNUD na FAO, abahagarariye imiryango itabogamiye kuri Leta n'abikorera ku giti cyabo.

Ibitekerezo byanyu bizagira akamaro mu guteza imbere urwego rw'amazi n'isuku, bityo imibereho y'abaturarwanda izarusheho kuba myiza.

Bikorewe i Kigali, kuwa…… /……. /2004

Prof. MUNYANGANIZI Bikoro

Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe
Amazi n'Umutungo Kamere

1. IRIBURIRO

1.1. Imyumvire y' Urwego rw'Amazi n'Isuku.

Amazi akoreshwa mu nzego nyinshi z'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage kandi afatiye runini iterambere ry'igihugu. Amazi ni ngombwa mu buzima bw'umuntu, amatungo n'inyamaswa. Igipimo cy'ayo umuturage akoresha kijyana n'cy'iterambere ry'igihugu. Ubuhinzi ntibushoboka nta mazi kuko ariyo abugenga. Inganda, ingufu n'inzego zinyuranye z'imibereho y'abantu nazo zikenera amazi menshi.

Hari kandi n'amazi atembera mu bindi bihugu, ntawe ushobora kuyakumira ari menshi atabangamiye cyane inyungu zabyo.

Amazi akoreshwa rero ahantu henshi kandi kugira ngo aboneke buri gihe ni ngombwa ko hagira akumirirwa kunetesha ibidukikije.

Amazi arushaho kugenda akenerwa ari menshi uko abaturage bagenda biyongera bikaba bisaba ko haba imicungire myiza ari ku mutungo w'amazi, ari no ku bayakoresha.

Igice cy'amazi n'icy'isukura bibarirwa mu bikorwa remezo by'ubukungu, inkingi ya 3 y'ikerekezo cy'2020 n'icyo kurwanya ubukene PRSP. Intego ya Leta muri iki gice n'iyo gutunganya kurushaho imicungire y'umutungo w'amazi, gushishikariza abantu gukoresha amazi mu by'ubukungu (Ubuhinzi, Ingufu, Ubwikorezi, …) no gukwiza isuku mu migi no mu cyaro.

1.2. Urwego bikorerwamo.

(i) Urwego rw'igihugu

Umutungo kamere.

U Rwanda ruri mu karere k'Ibiyaga bigari, rurangwa n'ubutumburuke bugenda bwiyongera kuva mu burasirazuba aho bungana na metero 1250, ujya iburengerazuba no majyaruguru ahari uruhererkane rw'imisozi isumba iyindi bita "Isunzu rya Congo-Nil" ruri hagati ya metero 2 200 na metero 3 000, n' uruhererkane rw'ibirunga, ikirekire muri byo kikaba kigeze kuri metero 4 507.U Rwanda ni igihugu gifite imisozi ihanitse, imiremire n'icirirtse, yugarijwe n'isuri.

Rufite umutungo utubutse w'amazi: Ibiyaga bifite ubuso bwa ha 128 190, imigezi itemba ihoraho ifite ha 7 270, amazi y'ibishanga afite ubuso bwa ha 77 000. Isunzu rya Congo-Nil rigabanya igihugu mo kabiri ku byerekeye amazi. Iburegerazuba hari ikibaya cya Congo kingana n'ibice 33% by'u Rwanda gitembamwo n'10% by'amazi yose y'u Rwanda. Iburasirazuba hari ikibaya kingana na 67% gitembamo amazi angana na 90% by'amazi yose y'u Rwanda.

U Rwanda rurangwa kandi n'ibihe bishyushye, rwigabanyamo ibice bitatu: (i) akarere k'imisozi mirermire; (ii) akarere k'imisozi y'ibitwa hagati mu gihugu;
(iii) ibitwa by'iburasirazuba n'ibibaya by'iburengerazuba.

Imvura igwa mu mwaka iri hagati ya mm 700 na mm 1 400 mu bitwa by'iburasirazuba, hagati ya mm 1 200 na mm 1 400; mu bitwa byo hagati n'akarere k'imisozi miremire imvura ihagwa iri hagati ya mm 1 300 na mm 2 000. muri rusange u Rwanda rugusha imvura ingana na mm 1 200 mu mwaka.

Urwego rw'ubukungu n'imibereho y'abaturage.

U Rwanda rwabarirwaga abaturage Miliyoni 8,16 muw'2002 kandi hiyongeraho 3,1% mu mwaka, bitanga ubucucike bw'abaturage 310 kuri km2 bityo rukaba kimwe mu bihugu bituwe cyane kw'isi.

Imigi ituwe n'abaturage bagera kw'10%, ubukungu bw' U Rwanda bushingiye ku bikorwa by'icyaro cyane cyane ubuhinzi bugeza kuri 40% by'Umusaruro w'Imbere mu Gihugu (PIB), bikangana na 80% by'imari ikomoka ku byoherezwa mu mahanga, byose bikagengwa n'ibihe by'imvura.

Nk'uko inyigo ya Unicef(1998) yabigaragaje, imiryango igera kuri 50% ikoresha byibura igice cy'isaha kugira ngo bibone ijerekane ya litiro 20 z'amazi naho icya kane (25%) cy'abaturage kigakoresha igihe kirenze isaha. Ibi kandi ntibigaragaza umuhati abana n'abagore kaboresha bajya kuvoma. Imigezi n'amasoko aba mu bishanga no mu mibande mu gihe abantu batuye mu mpinga z'imisozi.

U Rwanda rufite umutungo mwinshi w'amazi ariko kugeza ubu ikwirakwiza ry'amazi meza ntirihagije. Ubungubu abantu bashobora gukoresha amazi meza bageze kuri 54% muri rusange, ariko ntibarenga 44% mu cyaro.
Ku birebana n'isukura, n'ubwo abaturage barenga 80% bafite imisarane, 8% muri yo niyo yonyine yujuje ibya ngombwa birebana n'isuku.
Mu ngaruka mbi zo kutagira amazi meza harimo ebyri zikomereye abaturage: (i) igihe batakaza bashaka amazi aho gukora imirimo ibafitiye inyungu kimwe

n'uko igitsina gore gitakaza amashuri; (ii) indwara zikomoka ku gukoresha amazi mabi zibangamira cyane ubuzima n'ubukungu bw'abaturage.

Urwego rwa politiki n'imibereho y'abaturage.

Guverinema y' U Rwanda yihaye umugambi w'amavugurura agamije kongera ubukungu ku buryo buhamye kandi bw'igihe kirekire, uburyo bwo guhanga imirimo no gutuma imibereho y'abaturage irushaho kuba myiza.

Mu gihe hakorwa ivugururwa ry'ibirebana n'ubukungu harakorwa kandi ivugururwa mu rwego rwa politiki rigamije gutunganya imiyoborere, hashyirwaho uburyo bwo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi hemezwa n'uburyo bubereye demokarasi kandi abaturage bafitemo uruhare rugaragara.

Kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi bushyigikiye iyi politiki hashyirwaho inzego z'abaturage ubu zatangiye gukora nk'inzego za CDC. Ishyirwaho ry'Ikigega Gitsura amajyambere y'abaturage rijyanye n'inshingano yo kugeza inkunga zose ziboneka kuri bene zo, abaturage zagenewe.

Mu rwego rw'ibikorwa by'amazi meza n'iby'isukura, ubwo buryo bugaraza uruhare rw'abaturage buzatuma:

i) abaturage barushaho kugaragaza uruhare rwabo mw'iteganyamigambi n'imicungire y'ibikorwa by'ibanze mu cyaro;
ii) CDC nizo zihabwa gukurikirana imishinga naho abikorera ku giti cyabo ndetse na bene ibikorwa bakaba aribo babyiyubakira;
iii) bene ibikorwa nibo bahabwa kubicunga;
iv) nta bikorwa bigenerwa amafaranga yo kubyubaka bitasabwe n'abaturage;
v) hashyirwaho uburyo bwegerejwe abaturage bunyuze mu mucyo, bwo gushora amafaranga mu mishinga.

(ii) Urwego rw'Akarere turimo n'urwego Mpuzamahanga.

U Rwanda rusangiye umutungo w'amazi, imigezi, ibiyaga n'ibishanga byo mu nkengero za Nil na Congo, n'ibihugu duturanye aribyo u Burundi, Tanzaniya, Uganda ku birebana na Nil na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ku birebabna n'ibibaya bya Congo.
U Rwanda ku ruhande rw'uruzi rw'Akagera, nirwo rukomokamo isoko ya Nil **Yera.** Koko rero Akagera nirwo ruzi runini rwisuka mu kiyaga cya Victoria. Ku

ruhande rwa Congo, u Rwanda rusuka amazi menshi mu kiyaga cya Kivu no muri Rusizi. Nicyo gituma u Rwanda rugomba gufatanya n'ibindi bihugu gushaka uburyo bubonereye imicungire myiza y'ayo mazi.

Hakurikijwe ibikorerwa muri ayo mazi, u Rwanda rwinjiye mu miryango igamije guteza imbere ubutwererane hagati y'ibihugu bituranye kugira ngo bibonere hamwe inzira zo kuyakoresha mu by'ubukungu, kubungabunga ibidukikije, n'ibindi.
Ku birebana n'ubutwererane mpuzamahanga u Rwanda rwinjiye mu miryango nka NEPAD, AMCOW, NBI, EAC, n'indi.

2. AMABWIRIZA RUSANGE.

(i) Icyerekezo cy'2020.

Mu cyerekezo cy'2020, mu rwego rw'amazi, hagomba kwitabwaho imicungire irambye y'umutungo w'amazi kandi ikorwa na bose.
Abaturage bose bagomba kugezwaho amazi n'ibikorwa by'isukura, uburyo bwo kubika amazi bujyanye n'iterambere ry'ubukungu.

(ii) Ingamba zo kurwanya ubukene.

Gutunganya urwego rw'amazi n'isukura bikubiyemo ibyiza byinshi:

(i) bigira ingaruka nziza ku buzima bw'ababyeyi n'abana;
(ii) byongera umubare w'abitabira ishuri, abana n'abakobwa ;
(iii) bigabanya igihe cyo kuvoma , cyane ku bagore;
(iv) amafaranga atangwa ku buvuzi azagabanuka haba ku miryango no kuri Guverinema cyane cyane ku birebana n'indwara zikomoka ku mazi mabi nk'indwara z'impiswi;
(v) umusaruro uziyongera bitewe n'ubuzima buzira umuze bw'abaturage.

Intego z'ingenzi muri uru rwego zikubiyemo kongera ikwirakwiza ry'amazi agezwa aho atari; gukoresha amazi mu buhinzi, kuyabyaza ingufu no kuyakoresha mu gutwara abantu n'ibintu; gushyigikira imicungire y'abaturage mu gutanga amazi, kwegereza abaturage ibikorwa by'isukura no gukomeza ubushobozi bw'imicungire y'ibikorwa by'amazi n'iby'isukura ku rwego rw'igihugu n'urw'uturere.

(iii) Ingamba z'igihugu mu bushoramari.

Ingamba z'igihugu mu bushoramari zishyigikiye inyigo z'uburyo abikorera ku giti cyabo bagira uruhare mu gushyiraho ibikorwa byatuma abaturage bataremererwa n'ibiciro by'amazi meza.

Leta izakomeza kugira umwanya wayo w'ibanze mu iterambere ry'urwego rw'amazi ishyiraho ibikorwa remezo bya ngombwa.

Inshingano y'abikorera ku giti cyabo, n'ubwo ikenewe, izakomeza kuba iyo kubaka no gutanga ibikoresho by'ubwubatsi mu rwego rw'amasoko ya Leta. Iyi politiki ishyigikiye uruhare rw'abikorera ku giti cyabo mu gukangurira rubanda ishoramari, iterambere n'imicungire y'ibikorwa remezo by'amazi n'isukura. Hazashyirwaho uburyo uburyo bwo kubiteza imbere. Hagamijwe kandi gushyigikira abitabira gushora imari mu bikorwa by'amazi n'isukura mu cyaro.

(iv) Gahunda ya Guverinema y'imyaka irindwi iri imbere.

Kuri gahunda y'imyaka irindwi ya Guverinema, ivugurura rizakomeza mu rwegorw':

Imikoranire y'inzego

Hazashyirwaho urwego rwo guhuza ibikorwa by'inzego zose zifite uruhare mu birebana n'amazi ngo hatabaho gutatanya imbaraga. Amategeko n'amabwiriza azerekana aho uburenganzura bwa buri butangirira n'aho bugarukira.

Kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi.

Mu rwego rw'amazi n'isukura, uburyo bwo gushyira mu bikorwa politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi bwakoreshwaga buzarushaho kubahirizwa bityo bizatuma bugera ku nzego z'ibanze, ni ukuvuga ku baturage rusange.

Uruhare rw'abaturage.

Politiki yihariye y'amazi n'isukura izashyiraho uburyo bwumvikanyweho butuma abaturage bagaragaza uruhare rwabo, uburinganire bwitabweho, mu gucunga umutungo w'amazi n'ibikorwa by'isukura. Abahagarariye abaturage n'abandi bakoresha amazi bose bazagira uruhare mu igenamigambi n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zose zirebana no gukoresha kimwe no kubika amazi.

Gahunda zibereye amajyambere y'abaturage.

Politiki nshya yibanda kuri gahunda ziriho zikomatanyiriza hamwe ibikorwa byose by'amazi n'isukura byakunze kwibanda ku mishinga. Nyamara, byagaragaye ko ubwo buryo bufite inenge nyinshi, kuko budashingira ku kubonera umuti ibibazo by'ingenzi byihutirwa.

Ibyiza bya politiki nshya ni uko usanga ibikorwa byuzuzanya, kandi byubahiriza gahunda z'igihugu zihutirwa, ziba zarashyizweho ku bwumvikane bw'ababifitemo uruhare bose. Ituma ndetse igice kinini cy'imari gishorwa mu bikorwa birambye, bifite ingufu mu rwego rwo kurwanya ubukene.

GUSHIMANGIRA URUHARE RW'ABATEGARUGORI N'URW'URUBYIRUKO.

Ibihe bidasanzwe bya nyuma y'intambara n'itsembabwoko, byatumye abagore n'abana basigara aribo benshi mu Rwanda kandi bakaba ari nabo bafite ibibazo kurusha abandi. Uretse uruhare rwabo rusanzwe mu gushaka amazi akoreshwa mu rugo, haniyongereyeho guturwaho ibibazo byose bireba urugo kurusha mbere.

Icyo gikorwa cyo kuvoma amazi abagore bagisangiye n'abana bari mu kigero cyo kujya mu ishuri. Akenshi rero, abo bana batakaza igihe kinini muri iyo mirimo, aho kwita ku birebana n'amasomo.

Ni yo mpamvu, buri mushinga wo kwongera umubare w'abaturage bafite amazi meza n'ibikorwa by'isukura ugomba kwita kuri izi ngorane z'abagore n'abana.

Uruhare rw'abikorera ku giti cyabo.

Politiki y'amazi n'isukura izakomeza gushyigokira abikorera ku giti cyabo ibashishikariza kwitabira gushora imari, guteza imbere no gucunga ibikorwa remezo by'amazi meza n'iby'isukura. Uburyo bwo kubibashishikariza buzashyirwaho. Ibitekerezo biturutse mu nzego zibanze byo gushora imari mu cyaro bizashyigikirwa.

Kongerera abakozi ubushobozi.

Gahunda yo kwongera ubushobozi bw'abakozi, ku nzego zose, izashyirwa mu bikorwa. ikubiyemo ubushobozi mu bya tekiniki, kwigisha no guhugura abakozi, guhanahana amakuru n'ikoranabuhanga, gukurikira inama mpuzamahanga,

kugira ibikoresho bikenewe, n'ibindi bya ngombwa bizifashishwa mu gucunga neza umutungo w'amazi n'ibikorwa by'isukura.

Gucungira hamwe umutungo w'amazi kw'abawuturiye.

Mu rwego rwo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, umutungo w'amazi uzacungwa n'abawuturiye;

Ubu buryo buzashyigikira iterambere ry'ibikorwa by'amazi, guhuriza hamwe imicungire yayo n'ibikorwa biyashamikiyeho. Ubwo buryo ni bwo buzemezwa, bugakurikizwa, bugakorerwa mu gihugu hose. Amahame y'iyi politiki hamwe

n'ayo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi niyo azaherwaho hakorwa amabwiriza ya ngombwa yo kubishyira mu bikorwa. Azibanda cyane ku bufatanye no gukorera hamwe bigomba kuranga abatuye mu majyaruguru y'imuiezi, cyangwa iibyaga, n'abari mu majyepfo, ndetse n'abaturiye ibizenga cyangwa amazi y'ikuzimu. Ibigize umutungo w'amazi byose bizitabwaho n'ababituriye.

Ikurikirana n'isuzumabikorwa.

Ikurikirana n'isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'amazi n'isukura, ni ngombwa. Bizafasha kureba buri gihe ko umutungo w'amazi ucungwa neza, hakurikjwe intego, ingamba n'ibikorwa Leta yiyemeje bigerwaho mu rwego rw'amazi n'isukura.

Ni yo mpamvu, inzego z'ibanze zishinzwe uwo murimo zizashyigikirwa, haba mu baturage ubwabo, mu nzego zegerejwe abaturage, no ku rwego rwa Minisiteri ishinzwe amazi n'isukura.

(v) **Intego z'iterambere mpuzamahanga.**

Mu myaka mirongwitatu ishize habaye ibiganiro n'inama kw'iterambere ry'abaturage ku rwego rw'isi byari bigamije gushyiraho urwego rw'ibikorwa bishingiye ku ntego rusange z'iterambere.

Habayeho:

- Inama y'Umuryango w'Abibumbye ku Bikikije Umuntu yabereye i Stockholm (1972);
- Inama yabereye i Rio de Janeiro (1992) yashyizeho umugambi w'ibikorwa wiswe "Agenda 21";
- Imana ya NEPAD (2001);
- Inama y'Isi kw'Iterambere rirambye yabereye i Johannesburg (2002).

Agenda 21

Inama y'Umuryango w'Abibumbye ku bidukikije n'Iterambere yabereye muri Bresil yari ifite intego yo gushyiraho uburyo bubonereye ubufatanye kw'isi

hemezwa inzego nshya z'ubutwererane hagati y'ibihugu ku bintu by'ingenzi bikenerwa n'ababituye.

Ku birebana n'amazi, ikitaweho ni iterambere ndetse n'imicungire y'umutungo w'amazi uhuriweho na benshi, kuwubungabunga, higwa ibirebana n'amazi n'amajyambere arambye y'imijyi n'icyaro ndetse n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe ku mutungo w'amazi.

Intego z'Iterambere ry'Ikinyagihumbi.

Mu rwego rw'amazi n'isukura, muri iki kinyagihumbi, Umuryango w'Abibumbye wemeje ibikorwa bikurikira:

- Kugabanya, kugeza ku cya kabiri, abaturage batabona amazi meza ku buryo buhoraho, bitarenze umwaka w'2015;
- Guteza imbere uburyo bw'imicungire ihuriweho y'umutungo w'amazi;
- Kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi bwuhiwe, gukuraho ibibangamira ibidukikije no guteza imbere ibintu byose byongera umusaruro byifashishije amazi;
- Kubungabunga ubuzima bw'abantu bikomotse ku gukoresha amazi meza;
- Gukangurira abanyemari gushora imari mu birebana n'amazi;
- Gushyigikira inzego na tekiniki z'ibihugu kugira ngo hashyirweho politiki y'imicungire y'umutungo w'amazi uhuriweho na benshi;
- Kurinda ubuziranenge bw'amazi atemba n'ay'ikuzimu ndetse n'urusobekerane rw'ibinyabuzima byo mu mazi no ku nkombe zayo.

Inama y'Isi kw'Iterambere rirambye.

Inama y'Isi ya Johannesburg yahamije Agenda 21 kandi yemeza ibikorwa bya ngombwa bihuriweho n'ibihugu byose kugira ngo intego zikubiye mu nyandiko ya ODM zizashobora kugerwaho.

Ku birebana no kugeza abaturage ku mazi meza no ku bikorwa by'ibanze by'isukura, dore ko aribyo gipimo cy'ingenzi cyerekana aho igihugu kigeze kigeze mu kurwanya ubukene, Inama yashyizeho uburyo bushya buzatuma kimwe cya kabiri cy'abaturage badafite ibya ngombwa bigezweho by'isukura bazaba babibonye mu mwaka w'2015.

Uburyo bushya ku bufatanye mu by'ubukungu mw'Iterambere rya Afurika.

NEPAD ni ikerekezo ndetse n'ingamba zikubiye hamwe zigamije ubwivugure bwa Afurika. Intego zayo z'ingenzi mu birebana n'amazi n'isukura ni izi: (i) kuvanaho ubukene; no (ii) kugeza ibihugu by'Afurika, kimwe ukwacyo n'urugaga rwabyo, ku nzira y'amajyambere arambye.

Politiki y'amazi n'isukura ishingiye ku bigenderwaho na politiki nshya mpuzamahanga mu birebana n'amazi n'isukura ndetse no mu masezerano mpuzamahanga n'ay'akarere u Rwanda rwemeje.

3. URWEGO RW'AMAZI N'ISUKURA MURI IKI GIHE.

3.1. Ibibazo muri uru rwego.

- **Ubukene bw'ibikorwa by'ibanze;**

N'ubwo hashyizweho imbaraga nyinshi, abantu 54% nibo bonyine bashobora kugera ku mazi meza. Umuturage wo mu cyaro aracyakoresha litiro 8,15 ku munsi mu gihe ikigereranyo kemewe ari litiro 20. hagomba gusanwa ibikorwa by'ibanze birenze icya gatatu cy'ibiriho ubungubu.

- **Ubuhanga budahagije mu rwego rw'amazi n'isukura.**

Urwego rw'amazi n'isukura rurangwa na gahunda ndetse n'ibikorwa bisaba ubuhanga igihugu kidafite kugira ngo bigerweho. Kugira ngo ibyo bikorwe inzegi zibishinzwe ziyambaza impuguke z'amahanga zihenda. Ibibiteye impungenge cyane ku rwego rw'abaturage bahamagarirwa gushyira mu bikorwa politiki ya guverinema.

- **Nta mibare nyakuri ihari yerekana uko ibintu byifashe.**

Kugeza mu minsi ya vuba, umutungo w'amazi uri mu gihugu ntiwari uzwi. Imibare yatarurukanijwe ntiyuzuye. Amakuru kuri byo ariho, anyanyagiye hirya no hino kandi ntabitswe neza. Ni ngombwa rero gushyiraho uburyo bubangutse bwo gutara no kubika amakuru ku mazi kugira ngo bube igikoresho kiringiwe mu gihe cy'igenamigambi no gufata ibyemezo bihamye.

- **Ibikorwa by'abikorera ku giti cyabo biracyatinyatinya.**

Kugeza ubu abikorera ku giti cyabo ntabwo barerekana ubushake bwo gushora imari mu bikorwa by'amazi n'isukura. Ibigo bibiri byonyine, kimwe gikorera mu cyaro n'ikindi kimaze kwegurirwa gucunga ELECTROGAZ, ni byo byonyine byiyemeje gucunga ibikorwa by'amazi.
Guverinema yahagurukiye ariko gukangura abikorera ku giti cyabo bityo hakaba hari icyizere ko bazitabira gushora imari yabo mu bikorwa by'amazi n'isukura.

- **Igikorwa cyo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi ntikirarangira.**

Muri gicurasi 2000, Guverinema y'u Rwanda yemeje politiki n'ingamba zo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi bijyanye n'intego yo guha

abaturage ububasha bwo gufata ibyemezo bya politiki, by'ubukungu, iby'imibereho myiza , ibya tekiniki n'ibyo gucunga ibikorwa rusange, hagambiriwe kurwanya ubukene. Iyubahirizwa ry'iyi politiki rirakomeza.
Cyakora mu rwego rw'amazi n'isukura byari byaratangiye mbere abaturage bahamagarirwa kugira uruhare mu Mushinga w'Amazi n'Isukura mu Cyaro. Ariko ishyirwa mu bikorwa ryawo ryahuye n'ikibazo cy'amikoro make y'abaturage n'icy'abakozi bashoboye kandi bahagije bo kugeza ihame ry'uyu mushinga mu nzego z'ibanze.

3.2. Inzitizi n'Umutungo mu rwego rw'amazi n'isukura.

Inzitizi

Inzitizi z'ingenzi zibangamiye iterambere ry'urwego rw'amazi n'isukura ni izi zikurikira:

(i) Amategeko arebana n'iby'amazi aracyari make, kugira ngo ashobore kwifashishwa ku buryo buhagije mu guhuza ibikorwa bigamije gucunga umutungo w'amazi.

(ii) Imibare yerekana aho umutungo w'amazi uherereye, uko ungana n'ubwiza bwawo, ntihagije kandi itataniye hirya no hino. Icyo kibazo kiboneka kandi mu kumenya uko amazi meza akenewe angana, ayo mu bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi, mu gutanga ingufu z'amashanyarazi no mu nganda. Imiturire itatanye ntituma ibikorwa remezo by'amazi bigera ku baturage ku buryo bworoshye. N'aho kandi amazi meza aboneka, usanga bigora abaturage kuyakoresha, kubera ubushobozi bwabo buke.

(iii) Kugeza ubu, uruhare rw'abagore mu gucunga amariba ntiruhagije, kandi isesengura by'ibibazo by'uburinganire mu gucunga umutungo w'amazi ntibyacukumburwa bihagije.

(iv) U Rwanda ntiruragira amategeko yarwo bwite ku birebana n'ubuziranenge bw'amazi n'uburyo atangwamwo, ndetse na bene ayo mategeko mu rwego rw'isukura ntayo.

(v) Ubuhanga bwo kureka no gukoresha amazi y'imvura ntiburamenyekana ngo busakare.

(vi) Amazi akoreshwa mu buhinzi aracyari make, cyane cyane ko kuhira imyaka bidakunze gukorwa. Ni nako bimeze kandi mu rwego

(vii) rw'inganda, ntamibare yerekana uko amazi akoreshwa cyangwa se akenewe angana, hakaba kandi nta micungire y'amazi y'ico iriho kugeza ubu.

(viii) Gukoresha amazi mu gutanga ingufu z'amashanyarazi nabyo ntibiratera imbere. Ingufu z'amashanyarazi akomoka ku mazi ubu ntizirenga 68% z'ibikenewe. Ariko ubushobozi bwo kuyongera buracyahari, kugira ngo abayakeneye bose bayabone, dore ko badahwema kwiyongera kimwe n'uko abaturage muri rusange biyongera.

(ix) N'ubwo u Rwanda rufite imigezi n'ibiyaga ku mbibi z'ibihugu ruturanye nabyo, kandi iyo migezi n'ibiyaga bikaba bishobora kugendwamo, gukoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu, ibyo ngibyo ndetse n'ubukerarugendo ntibiragerwaho, kandi bifite uruhare rugaragara mu kurwanya ubukene.

(x) Ubwiyongere bw'abaturage buhanitse (3,1%), bwatumye amashyamba ya kimeza n'amaterano agabanuka cyane kubera ko bayakuraho ingufu zo gukoresha mu ngo, ku buryo byagize ingaruka mbi ku bidukikije no ku mutungo w'amazi.

(xi) Isuri ikabije ku misozi ihanamye kandi yambaye ubusa, ntituma amazi y'imvura acengera mu butaka, ngo yongere ay'ikuzimu.

(xii) Iterambere ry'inganda, ry'ubuhinzi n'ubucucike bw'abaturage bukabije byanduza amazi, nayo agahumanya ubuzima bw'abaturage.

(xiii) Imari igenerwa urwego rw'amazi n'isukura buri mwaka iracyari nkeya cyane ukurikije ibikenewe.

(xiv) Ubushobozi bw'abakozi mu guteza imbere no gucunga urwego rw'amazi n'isukura ku buryo bukwiriye ntibuhagije.

(xv) Ibikenewe mu gushyira mu bikorwa politiki ya Leta yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi, nka bumwe mu buryo bwatuma

(xvi) abaturage batera imbere mu rwego rw'amazi n'isukura, ntibirashyirwa ahagaragara.

(xvii) Kugeza ubu, Leta ni yo yonyine irebwa no kwita ku rwego rw'amazi n'isukura. Uruhare rw'abaturage kimwe n'urw'abikorera ku guti cyabo ntirugaragara, cyane cyane mu birebana no gushora imari ndetse no mu icungwa ry'ibikorwa by'ibanze by'amazi n'isukura.

(xvi) Umuco w'isuku n'isukura ntabwo urasakara mu baturarwanda bose.

(xvii) N'ubwo hafi abaturage 80% bafite imisarani, ikigaragara ni uko iyujuje ibya ngombwa bijyanye n'isuku ari mike cyane.

(xviii) Kubera kutagira ibikorwa by'ibanze bikwiriye (uburyo bwo gukusanya imyanda n'amazi y'ico, imiyoboro y'amazi y'imvura,…), uko isukura riteye rikorwa ubu biracyar hasi cyane, ibikorwa byaryo biri munsi ya 8% by'ibikenewe.

(xix) Ibikorwa by'ibanze by'isukura by'isukura birahenda cyane kandi Leta ibiteganyiriza ingengo y'imari nkeya ugereranyije n'ibikenewe gukorwa.

Umutungo.

U Rwanda rufite:

- Imvura, imigezi n'ibiyaga bihagije;

- Uburyo bworoshye bwo gucunga ibikorwa bicirirtse by'amazi meza bugizwe n'amashyirahamwe. Imicungire y'ibikorwa bihambaye iharirwa impuguke n'amasosiyete yabizobereyemo.

- Abaturage batojwe ubwumvikane mu guhitamo abacunga ibikorwa by'amazi;

- Amategeko, amabwiriza n'ibigo bigenzura ubuziranenge n'inzego z'imirimo y'amazi n'isukura;

- Politiki zinyuranye zigenga (gutera amashyamba, kurengera amashyamba, kurwanya isuri no kurengera imigezi, ibiyaga n'ibishanga; gutunganya ibishanga);

- Ikoranabuhanga rinyuranye riberanye n'isukura;

- Abaturage bakira neza inyigisho bahabwa mu bijyanye n'isuku n'isukura.

3.3. Amahame iyi politiki ishingiyeho.

Politiki y'urwego rw'amazi n'isukura ishingiye ku mahame akurikira:

(i) Buri muntu wese afite uburenganzira bwo kugira amazi;

(ii) Amazi ni umutungo ufite agaciro mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage;
(iii) Kubona amazi ahagije mu gihugu bibarirwa mu bikorwa byihutirwa;
(iv) Abagabo n'abagore bagomba kugira uruhare rungana mu kurinda no gucunga umutungo w'amazi;
(v) Gucunga umutungo w'amazi bigomba gukorwa mu bwumvikane bw'abaturiye umugezi, ikiyaga cyangwa igishanga;
(vi) Ikoreshwa ry'umutungo w'amazi rigomba kuba mu buryo buhwitse, kandi bwubahiriza ibidukikije;
(vii) Amategeko agenga ubuziranenge n'ubwinshi bw'amazi agomba kubahirizwa;
(viii) Kwanduza amazi birahanirwa;
(ix) Uburinganire bugomba kugaragara kuri buri rwego mu birebana no gucunga umutungo w'amazi;
(x) Ba nyiribikorwa by'amazi n'isukura ni nabo bagomba kubyitaho.
(xi) Buri mushinga wo gutanga amazi meza ugomba no kugira igice kirebana n'isukura;
(xii) Ikoreshwa ry'amazi y'imbibi rigomba kutagira uwo riryamira;
(xiii) Abafite aho bahurira n'ibikorerwa mu rwego rw'amazi bose, bagomba kugira uruhare rugaragara mu micungire y'umutungo w'amazi.

3.4. Ikerekezo cy'urwego rw'amazi n'isukura.

Ikerekezo cy'urwego rw'amazi n'isukura kigomba kuzageza u Rwanda mu mwaka w'2020 aho:

(i) Abaturarwanda bose bazaba bafite amazi meza kandi bakorerwa ibijyane n'isukura bihagije;

(ii) Uburyo bwo kureka no kugomera amazi y'imvura bumaze kumenyerwa kandi bukoreshwa mu buhinzi;
(iii) Ibigega kamere by'amazi nk'amashyamba yo mu misozi miremire yarasimbuwe kandi acunganwa ubushishozi;
(iv) Umutungo w'amazi ucungwa ku buryo buhwitse, buhuriweho n'abo bireba bose kandi bukurikije amabwiriza y'imikoreshereze y'ubutaka;
(v) Abaturage bazaba bafite ubushobozi bwo gucunga umutungo w'amazi ku buryo burambye kandi bubereye bose;
(vi) Ibikorwa remezo byo gutunganya amazi, kuyarinda no kuyakwirakwiza n'ibyo kuyasukura byitabwaho na bose;
(vii) Imigi n'icyaro bizaba bifite isuku ihagije;
(viii) Imiryango yose izaba yarageze ku rwego rwa ngombwa mu birebana n'isuku n'isukura;
(ix) Buri mugi cyangwa ahantu hose hateganyirijwe ibikorwa by'amajyambere hazaba hafite uruganda rwihariye rwo gutunganya amazi y'ico n'urwo gutunganya ibishingwe biibyazwa ibindi bikoresho.

3.5. Inshingano z'urwego rw'amazi n'isukura.

Gushyiraho ibya ngombwa bikwiriye bibashisha abaturage, abagabo, abagore n'abana kubona ibikorwa by'amazi n'isukura no guhesha agaciro umutungo w'amazi ku buryo burambye kandi bubereye bose.

3.6. Intego z'urwego rw'amazi n'isukura.

(i) Intego rusange.

Intego rusange y'urwego rw'amazi n'isukura igamije guteza imbere imibereho y'abaturage hakoreshwa neza umutungo w'amazi, abaturage bose bakagira amazi meza n'ibikorwa by'isukura bihagije.

(ii) Intego zihariye.

- Gucunga neza kandi ku buryo burambye umutungo w'amazi;
- Kongera umubare w'abaturage bafite amazi meza;
- Kongera umubare w'abakoresha amazi mu buhinzi ;
- Gutunganyiriza inzuzi n'ibiyaga gutawara abantu n'ibintu ;
- Guteza imbere isukura no gukangurira rubanda isuku ;
- Kwongera ububasha bwo gukoresha amazi mu gutanga ingufu z'amashanyarazi ;
- Gukoresha amazi neza harengerwa ibidukikije ;
- Kwongerera abaturage ubushobozi.

4. INSHAMAKE Y'INGAMBA Z'URWEGO RW'AMAZI N'ISUKURA.

- Gushyiraho urwego rwa politiki, urw'amategeko n'inzego z'igihugu ziberanye no gucunga neza umutungo w'amazi ;
- Gushyira politiki y'uburinganire mu byo gucunga umutungo w'amazi ;
- Guteza imbere ibikorwa remezo by'amazi meza ;
- Guteza imbere ibikorwa by'ibanze byo kubika amazi akoreshwa mu bikorwa binyuranye (ubuhinzi, ingufu, ibidukikije, ubukerarugendo, …) ;
- Guteza imbere uburyo bwo gutwara ibintu n'abantu mu mazi.

Ingamba z'urwego rw'amazi n'isukura zijyanye n'ingamba z'igihugu mu byo kurwanya ubukene ndetse n'intego mpuzamahanga, n'iz'akare u Rwanda ruherereyemo, zateguwe bahereye kuri SWAP, kuri politiki y'imitegekere myiza no ku ruhare abaturage bagomba kubigiramo. By'umwihariko, uruhare abaturage bagomba kugira mw'igenamigambi no mu bikorwa byose bifitanye isano no gukoresha amazi ndetse no kuyazigama. Amafaranga azakenerwa mu bihe biri imbere yakoreshejwe mu rwego rwo guhuza ingamba n'umutungo w'urwego rw'amazi n'isukura. Bityo rero, ingamba z'urwego rw'amazi n'isukurazu zuzanya n'ibikorwa mu rwego rw'igihugu bijyanye na (i) Politique y'igihugu yo gukoresha abantu benshi; (ii) Uburinganire ; (iii) Ikoranabuhanga mu by'itumanaho ; (iv) kurwanya SIDA ; (v) no kubungabunga ibidukikije.

5. PROGRAMME Y' URWEGO RW'AMAZI N'ISUKURA.

- **PRORGRAMME Y'IGIHUGU MU MICUNGIRE Y'UMUTUNGO W'AMAZI.**

Guverimema y'u Rwanda yatangiye gutegura Programme y'ishoramari kw'iterambere no kurinda umutungo w'amazi, ibintu bya ngombwa mw'iterambere ry'ubukungu n'iry'imibereho myiza mu gihugu. Igice cya mbere cyatangijwe muw'2003 kandi gikubiyemo :

- Ibirebana n'inzego n'amategeko azagenderwaho mu micungire myiza y'umutungo w'amazi ;
- Ibirebana na tekiniki bizagenderwaho hashyirwaho uburyo bwo gutarurukanya amakuru azabashisha inzego zishinzwe gucunga umutungo w'amazi kumenya buri gihe ingano y'amazi n'ubwiza bwayo, kugenzura ibihe by'ibura ry'amazi mu bice yinyuranye akoreshwamo no gutegura ibisubizo bizagenderwaho ;
- Ibirebana n'iterambere ry'umutungo w'amazi byashingirwaho bagenzura ibikenewe mw'iterambere ry'abakozi no gushyigikira inzego za ngombwa kugira ngo hemezwe ko imirimo yo gucunga umutungo w'amazi ikorwa neza ku nzego zose.

Ibikorwa muri iki gihe, mu rwego rw'uruzi rwa Nil n'urw'Inama y'Aminisitiri b'Afurika bashinzwe iby'Amazi, u Rwanda rukaba kimwe muri byo, biza byuzuza ibiteganijwe muri iyi programme.

- **Gahunda yo gukwirakwiza Amazi Meza n'Ibikorwa by'Isukura mu Cyaro.**

Mu rwego rwo kubahiriza intego z'iki Cyinyagihumbi n'iz'icyerekezo cy'2020, Guverinema y'u Rwanda imaze gukora gahunda y'imyaka 15 yo gukwirakwiza amazi meza n'ibikorwa by'isukura mu gihugu. Iyo gahunda igamije kuvana

umubare w'abaturage b'icyaro babona amazi meza kuri 44% ubungubu bakagera kuri 66% mu mwaka w'2010, kuri 85% mu w'2015 no kw'100% mu mwaka w'2020. Ibikorwa by'isukura byo bingana n'8% ubungubu bizagera kuri 34% muw'2010, kuri 65% muw'2015 maze bigere kw'100% muw'2020.

Ibyakozwe muri iyi gahunda byashingiye ku byifuzo by'abaturage kandi bijyanye na politiki ya Guverinema yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi. Ubu buryo bushingiye ku ruhare abaturage bene ibikorwa bagira mu kwemeza imishinga ibafitiye akamaro, kuyishyira mu bikorwa no gucunga ikorwa biyikomokaho bakoresheje inzego z'ibanze Guverinema yashyizeho.

Ibiteganyijwe byose muri iyi programme bizatwara miliyoni 925 z'amadorali y'abanyamerika.

- **Umugambi wo gukwirakwiza Amazi Meza n'Ibikorwa by'Isukura mu Mijyi.**

Umugambi w'ishoramari mu mujyi wa Kigali warakozwe. Imirwa mikuru y'izindi ntara n'imidugudu yo ibarwa nk'ibirorero byo mu cyaro hafatiwe ku biyigize bwite (imiturire, ibikorwa by'ubukungu, umubare w'abaturage, imyifatire n'ibindi).

Ibiteganyijwe byose muri iyi programme bizatwara miliyoni 700 z'amadorali y'abanyamerika mu mujyi wa Kigali.

6. INZEGO Z'UBUTEGETSI ZIZASHYIRA IYI POLITIQUE MU BIKORWA.

Urwego rw'amazi n'isukura ruhurirwaho n'izindi nzego nyinshi. Ruhurirwaho na zimwe mu nzego za Leta, imiryango mpuzamahanga, imiryango itabogamiye kuri Leta n'abikorera ku giti cyabo. Uruhare rwabo rurakenewe, cyane cyane nko kugaragaza ibikenewe no gushyiraho no kubikorera umugambi,za gahunda,

gushaka inkunga, gushyira mu bikorwa ibyateganyijwe, gukurikirana no gusuzuma ibyagezweho muri programme zinyuranye.

Mu nzego za Leta, minisiteri zihuriye ku bikorwa by'amazi n'isukura ni MINECOFIN, MINAGRI, MINISANTE, MINEDUC, MIGEPROFE, MINALOC na MININFRA.

Minisiteri zinyuranye zihurira ku rwego rw'amazi zifatanya mu kugaragaza ibikenewe, kubishyira mu bikorwa, gukurikira uko bikorwa ndetse no kugenzura imishinga y'amazi n'isukura, buri yose mu biyireba.

- Abaterankunga bo bahamagariwe gufasha guverinema gushyiraho inzego z'ubutegetsi n'amategeko No gutera inkunga ibikorwa by'ibanze ;
- Abikorera ku giti cyabo bo bahamagariwe kugaragariza uruhare rwabo mw'ikorwa ry'imishinga, mw'icungwa ry'ibikorwa no gutera inkunga urwego rw'amazi n'isukura ;
- Imiryango itabogamiye kuri Leta-ONG isabwa gushyigikira inzego z'ibanze mw'ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga, mu gucunga ibikorwa biyikomokaho, gukoresha amahugurwa, n'ibindi.

Minisiteri ishinzwe amazi niyo ifite inshingano yo kubahiriza iyi politiki. Izashyiraho urwego rwo guhuza ibikorwa byayo kandi igaragaze n'inshingano zarwo.

7. UMWANZURO.

Iyubahirizwa ry'iyi politiki rizageza igihugu kw'iterambere n'imibereho irambye ishingiye kw'igabanuka ry'ubukene, ku kwiyongera k'ubukungu, ku mutekano w'ibiribwa no kubungabunga umutungo kamere w'igihugu. Iyi politiki izashyiraho ubwumvikane bubereye iterambere rizageza igihugu ku ntego z'icyerekezo cy'2020.
Kugira ngo intego y'iyi politiki igerweho, uruhare rw'abikorera ku giti cyabo n'urw'abaterankunga mpuzamahanga ruzaba ngombwa.